REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE

ANASTASE MUREKEZI,

MU NAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO YA 14,

KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO YA 13

Kigali Convention Centre kuwa 15/12/2016

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**
- **Nyakubahwa First Lady,**
- **Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu,**
- **Batumirwa mwese mwitabiriye iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 14,**

1. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kuri uyu mwanya mungeneye, kugira ngo ngaragaze uko imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 13 yashyizwe mu bikorwa.

2. Ndagira ngo kandi mu izina ry'abari hano bose, tubashimire ko mwadutumiye muri iyi Nama y'Umushyikirano ya 14, muri iyi nyubako y'agahebuzo ya *Kigali Convention Centre*. Iyi Nzu ni ikimenyetso cy'ishema ryacu, Abanyarwanda, twihitiramwo ubwacu icyerekezo cyiza gikwiye Igihugu cyacu.

3. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ku buryo bw'umwihariko, mbashimiye impanuro mumaze kugeza ku Banyarwanda ubwo mwatangiza iyi Nama. Tuzazishingiraho mu rugamba muyoboye rwo kwigira no kwihesha agaciro.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

4. Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 13 yari ifite insanganyamatsiko igira iti: ***"Guhitamo kw'Abanyarwanda ni wo Musingi w'Iterambere n'Agaciro by'u Rwanda"***. Muri iyo Nama hafashwe imyanzuro 13.

5. Igenzura ryakozwe ku ishyirwa mu bikorwa ryayo, ryagaragaje ko imyanzuro 9 ingana na 69.2% yashyizwe mu bikorwa ku gipimo gishimishije, kuko kiri hejuru ya 80%. Imyanzuro 4 ingana na 30.8% yashyizwe mu bikorwa ku kigero kiri hagati ya 50% na 80% kubera impamvu zinyuranye.

Ibyerekana uko imyanzuro 9 yagezweho ku buryo bushimishije ni ibi bikurikira:

6. Hateguwe imirongo migari igaragaza uko Icyerecyezo cya 2050 kizaba kimeze. Abanyarwanda bo mu byiciro bitandukanye batangiye kubitangaho ibitekerezo. Biteganyijwe ko umwaka utaha wa 2017 iyi nyandiko izaba yarangiye. Ikiganiro kirambuye kuri iyo ngingo kizatangwa ejo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi.

7. Hanogejwe ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Ndi Umunyarwanda igamije komora Abanyarwana ibikomere twatewe n'amateka yacu yagize aho yabaye mabi. Muri uru rwego hakozwe ibi bikurikira:

a) Abatorewe kujya muri Njyanama z'Uturere twose n'Imirenge yose bangana 8,767; Urubyiruko 668 rwatorewe kuyobora abandi, n'Abagore 208 bagize Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Uturere bahawe amahugurwa kuri Ndi Umunyarwanda;

b) Ibiganiro kuri Gahunda ya Ndi Umunyarwanda byahawe Abanyarwanda baba mu Bufaransa, Ubusuwisi, Suwede, na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika;

c) Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge cyo ku ya 1-7 Ukwakira 2016, kitabiriwe ku buryo bushimishije mu Gihugu hose.

8. Hanogejwe uko gahunda z'Igihugu zo kwishakamo ibisubizo (home grown solutions) zishyirwa mu bikorwa, cyane cyane Gahunda ya Girinka, Umuganda n'izindi gahunda ziteza imbere abaturage. Ni muri uru rwego:

a) Ibibazo by'abaturage bigera kuri 85% byakemuwe mu Ukwezi kw'Imiyoborere Myiza, ndetse no mu ngendo Abayobozi bo ku Nzego zitandukanye bagiye bagirira hirya no hino mu Gihugu, bakaganira n'abaturage;

b) Abagize Inama Njyanama z'Uturere bose, bahawe amahugurwa yo kubongerera ubushobozi bwo kumenya uko abaturage barushaho kugira uruhare mu bibakorerwa.

9. Hashyizweho uburyo buhamye bwo kunyomoza ibivugwa ku Rwanda bitari ukuri no kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda, ishingiye ku byo Abanyarwanda bihitiyemo. Bumwe muri ubu buryo ni ubu bukurikira:

a) Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda ndetse na zimwe mu Nshuti z'u Rwanda basobanuriwe uko u Rwanda ruhagaze n'Amahitamo y'Abanyarwanda.;

b) Itangazamakuru ry'imbere mu Gihugu ndetse n'iryo hanze ryahawe amakuru nyayo agaragaza uko u Rwanda ruhagaze;

c) Interneti n'imbuga nkoranyambaga, nabyo byarifashishijwe.

10. Hashyizweho ingamba zo gushishikariza Abanyarwanda b'ingeri zose, kugira umuco wo kwizigamira, gukoresha ibikorerwa mu Rwanda/Made in Rwanda, no kongera ibyoherezwa hanze:

a) Inama y'Abaminisitiri yemeje Gahunda n'Umushinga w'Itegeko byo Kwiteganyiriza by'Igihe Kirekire, bizafasha cyane cyane abakora imirimo itandukanye batari basanzwe biteganyiriza (Informal Sector);

b) Hakoze Amamurikagurisha 2 yo Kumenyekanisha Ibikorerwa Iwacu mu Rwanda;

c) Mu rwego rwo korohereza inganda, hemejwe ibisabwa Uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro (VAT) ku mamashini n'ibikoresho fatizo;

d) Imyiteguro yo kuvugurura Itegeko Rigena Amasoko ya Leta irimwo irarangira, hagamijwe guha amahirwe menshi igurwa n'ikoresha ry'ibikorerwa mu Rwanda.

11. Hanogejwe uburyo bwo gutanga inguzanyo igenerwa abanyeshuri (bursary loan) inyujijwe muri BRD.

12. Hashyizweho ingamba zo guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mashuri y'ibyiciro byose:

a) Hateguwe amabwiriza yo kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri mato, ayisumbuye, amakuru na za kaminuza;

b) Kuva muri uyu mwaka wa 2016, Ikinyarwanda cyashyizwe mu masomo y'ingenzi yigishwa abanyeshuri bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye;

c) Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yongerewe ku rutonde rw'ibiganiro bihabwa abanyeshuri mu ma "Clubs" yabo;

d) Abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye mu Rwanda bagera ku 45,902 bitabiriye Urugerero; naho abagize Itorero Indangamirwa/Ikiciro cya 9, bigishijwe indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

13. Muri uyu mwanya ndagira ngo nsobanure zimwe mu mpamvu zatumye ya myanzuro 4 nababwiye itarashyizwe mu bikorwa neza.

14. Ku mwanzuro warebanaga no gukomeza gusigasira no kurinda ibyiza twagezeho dukesha Inkiko Gacaca no kurushaho kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi nk'inzibutso za Jenoside, no kwandika amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo bikomeze gushyigikira ubumwe bw'Abanyarwanda:

a) Habungabunzwe imibiri 123,271 mu Nzibutso za Jenoside za Nyarubuye, Murambi, Nyamata, Ntarama, Kibungo, Ruhango na Kinazi; imyenda yari yambawe n'izi nzirakarengane, n'intwaro gakondo zifashishijwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi;

b) Mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Murambi n'urwa Ntarama hubatswe ibyumba byo kubika neza imibiri y'abazize Jenoside;

c) Hakozwe ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi bari batuye mu cyahoze ari Perefegitura ya Gisenyi, hanakorwa ubushakashatsi ku ngegabitekerezo ya Jenoside hagati ya 1995 na 2015;

d) Amapagi agera kuri 8,000,000 ku mapaji 60,000,000 y'inyandiko z'Imanza z'Inkiko Gacaca yakorewe digitalization. Muri rusange ibikorwa byose bimaze kurangira mu rwego rwo kubika neza amadosiye yose ya Gacaca, birimo kuyashyira mu bubiko bufatika bugezweho, no kuyabika hifashishijwe ikoranabuhanga (digitalisation), bimaze kugera ku kigero cya 37%, kandi imirimo irakomeza ku muvuduko wo hejuru, izarangira mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017/2018.

15. Ku mwanzuro warebanaga no kurushaho kunoza imitangire ya serivisi zihabwa abaturage, mu Nzego za Leta n'iz'Abikorera:

a) "Citizen Report Card" yateguwe na RGB muri 2016, igaragaza ko abaturage bishimira serivisi bahabwa muri Gahunda ya Girinka bangana na 59.7%, abishimira uko Umuganda ukorwa bo ni 63.5%.

b) Ibi bipimo biri hasi kuko mu 2018/EDPRS ya 2, abaturage bagomba kuba bishimira serivisi bahabwa ku kigero cya 85%. Niyo mpamvu tugomba gukomeza gukaza umurego mu gutanga serivise nziza mu Nzego zose.

c) Ku mwanzuro warebanaga no kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gukumira no kurwanya ku buryo bwose bushoboka indwara ya malariya:

d) Gahunda ihamye yo kurwanya Malariya yashyizweho; gutera imiti irwanya malariya byarakozwe mu ngo 453,457 mu Uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Kirehe, Bugesera, na Gisagara; inzitiramibu 3,973,406 zaratanzwe; kandi abarwaye malariya bo mu cyiciro cya 1 n'icya 2 cy'ubudehe bavurirwa ubuntu.

16. Ku mwanzuro warebanaga no kubaka umuhanda wa Km 2 ugera ku Kigo Nderabuzima cya Kabaya mu Karere ka Ngororero no kwihutisha inyingo n'iyubakwa by'umuhanda wa Cyanika-Musanze-Ngororero, gutangira kubaka Umuhanda Ngoma-Bugesera-Nyanza n'indi mihanda ihuza Uturere kugira ngo byorohereze ubuhahirane hagati y'abaturage: Umuhanda ujya ku Kigo Nderabuzima cya Kabaya n'uwa Nyakinama-Musanze yararangiye. Inyigo y'umuhanda wa Cyanika–Musanze–Ngororero yarakozwe, naho umuhanda wa Ngoma–Bugesera–Nyanza uzatangira gukorwa muri Nyakanga 2017.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

17. Turishimira imyanzuro yashyizwe mu bikorwa neza tubikesha leadership yanyu, ibitararangiye twiteguye kubirangiza vuba; ari nako tuzashyira mu bikorwa twihuta, imyanzuro izava muri iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 14 mumaze kudutangiriza.

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Muzagire, Mwebwe Ubwanyu n'Umuryango Wanyu,
Noheli Nziza n'Umwaka Mushya Muhire wa 2017;

Muzakomeze kuyobora Abanyarwanda, dufatanyije kubaka u Rwanda Twifuza;

Murakoze, Mugire amahoro y'Imana.